# REPUBULIKA Y'U RWANDA
# MINISITERI Y'UBUZIMA

## Amakuru Mashya kuri Koronavirusi COVID-19 — 23 Werurwe 2020

Uyu munsi hagaragaye abandi bantu cumi na barindwi (17) barwaye Koronavirusi. Ibi bikaba byatumye umubare w'abarwaye Koronavirusi mu Rwanda ugera kuri mirongo itatu na batandatu (36).

- Abantu icyenda (9) baje baturutse i Dubai
- Abantu batatu (3) baje baturutse muri Kenya
- Abantu babiri (2) baje baturutse muri Lera Zunze Ubumwe z'Amerika
- Umuntu umwe (1) waje aturutse muri Qatar
- Umuntu umwe (1) waje aturutse mu Buhinde
- Umuntu umwe (1) watahuwe ko yahuye n'undi wagaragayeho Koronavirusi mu Rwanda

Abo bagenzi bose binjiye mu Rwanda, batangiye gupimwa no gushyirwa mu kato hagati y'itariki ya 17 na 20 Werurwe 2020.

Abarwayi bose bavurirwa ahantu habugenewe kandi bari koroherwa. Hanashakishijwe abantu bose bahuye nabo kugira ngo nabo basuzumwe ndetse bitabweho n'inzego z'ubuzima.

**Abaturarwanda bose barasabwa gukomeza kwitwararika.** Nkuko byatangajwe na Leta y'u Rwanda, ingamba nshya zafashwe zizamara ibyumweru bibiri (2). **Ubucuruzi bw'ibikorwa bitari iby'ibanze bwahagaritswe, ingendo zihuza imijyi n'uturere zahagaritswe** ndetse **n'ingendo zitari ngombwa no kuva mu ngo nta mpamvu zihutirwa birabujijwe**. Abantu bose bageze mu Rwanda mu byumweru bibiri (2) bishize barasabwa kwishyira mu kato mu gihe cy'iminsi 14 guhera igihe bagereye mu Rwanda.

**Ubufatanye bwa buri Munyarwanda na buri Muturarwanda ni ingenzi. Turashimira ubwitange n'umurava by'abakora mu nzego z'ubuzima bakomeje guhabwa ubufasha mu kubungabunga ubuzima bwacu twese.**

Murasabwa gukomeza kubahiriza amabwiriza y'inzego z'ubuzima hitabwaho cyane cyane gukaraba intoki kenshi kandi neza hanubahirizwa intera ya metero imwe (1) hagati y'abantu.

**Ibimenyetso by'ingenzi bya Koronavirusi ni inkorora**, guhumeka bigoranye n'umuriro. Umuntu wese ugaragaza ibi bimenyetso asabwe kwihutira guhamagara umurongo utishyurwa **114**, cyangwa akipimisha akoresheje telefone akanda ***114#** maze agakurikiza amabwiriza, cyangwa akoreheza email kuri callcenter@rbc.gov.rw, cyangwa akohereza ubutumwa bwa WhatsApp kuri **+250 788 20 20 80**, cyangwa akitabaza umujyanama w'ubuzima umwegereye.

**MINISITERI Y'UBUZIMA**